# RAPORO YO KWIZIHIZA UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMWANA W'UMUKOBWA 2016

## I. INTANGIRIRO

Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa wizihijwe ku rwego rw'Igihugu ku itariki ya 15 Ukwakira mu Karere ka Nyaruguru ubwo hizihizwaga Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro no gutangiza ubukangurambaga ku muryango.

Cyakora, ku bufatanye bwa MIGEPROF/NCC, "Plan International Rwanda" n'Akarere ka Gatsibo uyu munsi wanirizihirijwe mu Murenge wa Kiziguro ku itariki ya 11/10/2016.

Ni yo mpamvu iyi raporo igaragaza uko uyu munsi wizihijwe mu Turere tubiri (2) twavuzwe haruguru.

## II. UKO UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMWANA W'UMUKOBWA WAGENZE

### II.1. MU KARERE KA GATSIBO

N'ubwo hari hateganyijwe ko uyu Munsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa wari kwizihizwa uhujwe n'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro n'ubukangurambaga bw'umuryango; "Plan International Rwanda" nk'umufatanyabikorwa waharaniye ko habaho umunsi wihariye wagenewe umwana w'umukobwa, yifuje kwizihiza uyu munsi ku munsi wawo nk'uko watangajwe n'Umuryango w'abibumbye mu mwaka wa 2011 ko ugomba kujya wizihizwa ku itariki ya 11/10 buri mwaka.

Ni yo mpamvu "Plan International Rwanda" yahisemo kuwizihiriza mu Karere ka Gatsibo hagamijwe kwishimira ibyagezweho mu gufasha abakobwa bo mu Karere ka Gatsibo kugira ejo hazaza habo heza.

#### II.1.1. ABITABIRIYE UYU MUNSI

Uyu munsi witabiriwe n'abantu banyuranye barimo:

Abagize Komite nyobozi y'Akarere ka Gatsibo, Abahagarariye Ingabo na Polisi mu Karere ka Gatsibo, Uhagarariye MIGEPROF, Uhagarariye NCC, Umuyobozi wa "Plan International Rwanda" n'abakozi bayo b'i Kigali, n'abo mu Ntara y'Uburasirazuba no mu Karere ka Gatsibo, abaturage b'Umurenge wa Kiziguro, abanyeshuri n'abarezi bo ku mashuri akikije ahabereye umunsi mukuru.

#### II.1.2. INSANGANYAMATSIKO

Nk'uko MIGEPROF yagennye ko Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa, Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro n'ubukangurambaga ku muryango ihurizwa hamwe kugira ngo hahuzwe imbaraga mu gukangurira abanyarwanda kubaka umuryango ubereye umwana, "Plan International Rwanda" nayo yatangije ubu bukangurambaga yifashishije insanganyamatsiko yateganyijwe igira iti: "Twubake Umuryango ubereye umwana".

### II.1.3. IBIKORWA BINYURANYE BYARANZE UYU MUNSI

#### a. URUGENDO RW'UBUKANGURAMBAGA

Ibirori byo kwizihiza umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa byatangijwe n'urugendo rugamije gukangurira abantu kubaka umuryango ubereye abana.




*Ifoto1: Urugendo rugamije gukangurira abantu kubaka umuryango ubereye umwana*

Nyuma y'urugendo, abitabiriye ibirori bagarutse mu byicaro byabo hakurikiraho imbyino n'indirimbo zisusurutsa umunsi n'ubutumwa bunyuranye bwatanzwe n'abana b'abakobwa bavuze mu mwanya w'abayobozi mu nzego zinyuranye.

Mu gutegura imigendekere y'Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa, byari byateguwe ko abana b'abakobwa bahabwa urubuga bakavuga mu mwanya w'abayobozi "Girls take over". Ibi bikaba bisobanura ko umukobwa ashoboye.

**b. IJAMBO RY'UWAVUZE MU MWANYA W'UMUYOBOZI W'AKARERE**

MBABAZI Hope wavuze mu mwanya w'Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo yatangiye aha ikaze abantu banyuranye bitabiriye ibirori.



*Ifoto 2: Umwana MBABAZI Hope ageza ijambo ku bitabiriye ibirori*

Yakomeje ashimira "MIGEPROF" na "Plan International Rwanda" kuba baje kwifatanya n'abaturage b'Akarere ka Gatsibo kwizihiza uyu munsi. Yagaragarije abari aho, ko Akarere ka Gatsibo kagizwe n'Imirenge 14, Utugari 69 n'Imidugudu 602. Gafite kandi abaturage 433.020 batuye ku buso bungana na $km^2$ 1582,4.
Abaturage batuye Akarere ka Gatsibo batunzwe ahanini n'ubuhinzi, ubworozi n'ubucuruzi butandukanye.

Yahaye ubutumwa abaturage b'Akarere ko bagomba kwitabira uko bikwiye gahunda zinyuranye zibafasha mu mibereho myiza no kubaka umuryango ubereye umwana zirimo: Gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza no kugira uruhare mu mikorere y'umugoroba w'ababyeyi n'izindi.

Yagaragaje ariko ko hakiri inzitizi mu Karere ka Gatsibo zikibangamiye umwana zirimo: ihohoterwa rikorerwa mu muryango, abana bata ishuri, abana basambanywa bakanaterwa inda, gukoresha abana imirimo mibi,...

Asoza yavuze ko ibi bitabereye umwana ko bikwiye guhinduka bose bagaharanira kubaka umuryango ubereye umwana.

**c. UHAGARARIYE UMUYOBOZI WA "PLAN INTERNATIONAL RWANDA"**



*Ifoto 3: NYAMPINGA Divine ageza ijambo ku bitabiriye ibirori*

Mu ijambo yagejeje ku bari bitabiriye Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa, umwana w'umukobwa wavuze mu mwanya w'umuyobozi wa "Plan International Rwanda" yagaragaje ko "Plan International Rwanda" ifasha abakobwa kwigirira icyizere, bakumva ko: Bakwiga, bayobora, bafata ibyemezo kandi bakungahara.

Yakomeje ashimira Leta y'u Rwanda kuba yaremeye ko "Plan International Rwanda" itangira ibikorwa byayo anashimira gahunda zose ziriho zifasha abana b'abakobwa zirimo uburezi bw'umwana w'umukobwa ndetse n'izindi gahunda zose ziteza imbere umwana w'umukobwa ku buryo bwihariye.

Yashoje ijambo rye yizeza u Rwanda ubufatanye mu guteza imbere uburezi, imibereho myiza n'ubukungu bw'umwana w'umukobwa hagamijwe kubaka umuryango ubereye umwana.

**d. UMUVUGO N'IMBYINO**

Ubutumwa bwatanzwe mu muvugo bwagarutse ku gusaba abantu bakuru guha umwana uburenganzira bw'ibanze, kurwanya ihohoterwa, kumurinda kwandagara no kumuha uburere bumubereye.

Mu mukino wakozwe n'abana biga kuri G.S Rubona batangiye bagaragaza ko umwana w'umuhungu ari we mwana, ko kubyara umwana w'umukobwa ari igihombo.

Nyuma hagaragara umuryango wumva ko abana bose bafite agaciro kangana kandi ko bose bashobora kwigirira akamaro ndetse n'imiryango yabo.

Banagaragaje uruhare rw'ubuyobozi mu gukangurira ababyeyi gufata abana bose kimwe no kubaha ibyo bakeneye kugira ngo bamererwe neza.

Basoza umukino wabo basobanukiwe ko bagomba guha amahirwe angana abana bose nta vangura iryo ari ryo ryose bityo bakubaka umuryango ubereye umwana.

**e. UBUHAMYA BW'UMWANA W'UMUKOBWA**

KUNDINKA Aimée Vanessa ni umukobwa wo mu Karere ka Gatsibo, avuka mu muryango ubarizwa mu cyiciro cya kabiri cy'ubudehe. Yize bimugora cyane kuko yabonaga amafaranga y'ishuri n'ibikoresho ku buryo bugoranye. Ariko ibi ntabwo byamuciye intege yakomeje kwiga neza nyuma agira n'amahirwe yo gufashwa na "Plan International Rwanda". Yize ubuvuzi bw'amatungo, arangije amashuri yisumbuye kwiga yatekereje ikintu yakora ngo yiteze imbere asanga agomba kuvura amatungo kuko ari byo yize. Igishoro kingana n'amafaranga ibihumbi 20.000 yatangije yakibonye ku mafaranga yasaguraga ku mafaranga y'itike yahabwaga na "Plan International Rwanda" iyo yabaga yatumiwe mu nama. Yatangiye agura imiti mikeya yifashishaga mu kuvura amatungo, nyuma yakodesheje inzu akoreramo kuko yabonaga akenera imiti ndetse n'ibikoresho byinshi.

Ubu afite ahantu habiri akorera, yaguze inzu ikodeshwa imwinjiriza amafaranga azamufasha mu kwiga Kaminuza kuko afite intego yo kuminuza.

Yasoje ubutumwa bwe ashishikariza abana b'abakobwa kudacibwa intege n'ubukene bw'imiryango yabo, kwirinda ababashuka, kugira intego no kuyigeraho.

**f. GUSHYIKIRIZA IMASHINI ZIDODA ABAKOBWA BABYAYE BAKIRI ABANA**

Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa, hatanzwe imashini 14 zo kudoda n'imwe yo kuboha imipira, ibikoresho by'ibanze byifashishwa mu kudoda no kuboha birimo ibitambaro, ubudodo, intebe n'ibindi.

Aba bakobwa batangiye kwiga kudoda no kuboha ku buryo ibi bikoresho bizabafasha gutangira gukora bakimara kurangiza kwiga.

Aba bakobwa bahawe imashini batoranyijwe mu Mirenge "Plan International Rwanda" ikoreramo hagamijwe kubaha ubushobozi bwo kurera abana babo no kwiteza imbere muri rusange.



*Ifoto 4: Bwana BISENGIMANA François ( wari uhagarariye NCC) ashyikiriza impamyabushobozi uwahawe ibikoresho byo kuboha*

**g. IJAMBO RY'UHAGARARIYE MIGEPROF**

Umwana w'umukobwa wavuze mu mwanya w'uwari uhagarariye MIGEPROF yongeye gusaba abana b'abakobwa kugira intego no guharanira kuyigeraho, kugira uruhare mu bikorwa byose by'imiryango yabo no gutanga ibitekerezo byubaka Igihugu cyabo.

Yasabye kandi ababyeyi bose kurera abana bose kimwe nta kubasumbanya kugira ngo babe mu miryango ibabereye.

**h. IJAMBO RY'UMUSHYITSI MUKURU**

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo ni we wari Umushyitsi mukuru muri uyu munsi.

Yatangiye ashimira inzego zose zagize uruhare kugira ngo uyu Munsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa utegurwe kandi wizihizwe mu Karere abereye umuyobozi.

Yakomeje avuga ku nsanganyamatsiko igira iti: "Twubake umuryango ubereye umwana" aho yagaragaje ko itwibutsa inshingano zacu nk'ababyeyi.




*Ifoto 5: Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo (Umushyitsi mukuru mu birori)*

Yagize ati: "Uyu munsi turishimira ibintu binyuranye byakorewe umwana w'umukobwa n'umugore muri rusange, twavuga nko kuba abagore bafite imyanya ingana na 64% mu nzego zifata ibyemezo."
Yashimiye abakobwa bavuze mu mwanya w'abayobozi batandukanye, bigaragaza ko bashoboye kuko barimo kwitoza kuzayobora mu gihe kiri imbere .

Yibukije abari aho bose ko kuba umubyeyi bitarangwa gusa ku gukora ubukwe/ gushyingirwa no kubyara gusa. Kuba umubyeyi nyawe birenze ibi. Birimo: guha abana ibyo bakeneye, kubitaho, kubakunda, kubagaburira indyo yuzuye n'ibindi. Yibukije ko izi ari inshingano ko abazazitezukaho bazahanwa kuko amategeko ahari.

Yabwiye ababyeyi ko iyo umwana ahawe ibyo akeneye byose, bimurinda kwifuza bityo ntashukwe n'abamuha ibyo yabuze mu muryango abamo. Ibi bikamurinda gutwara inda no kubyara akiri umwana.

Yijeje abakobwa bahawe ibikoresho by'ubudozi ko Ubuyobozi bw'Akarere buzakomeza kubaba hafi bubafasha kubikoresha neza ngo bazamure imibereho yabo.

Yasoje ashimira abateguye uyu munsi bose anashimira abawitabiriye bose kuko iyo batahaba ntabwo umunsi wari kugenda neza anabasaba gukomeza kubaka umuryango ubereye umwana.

Ibirori byasojwe saa13h35.

## II.2. MU KARERE KA NYARUGURU



*Ifoto 6: Abanyeshuri bitabiriye ibirori*

Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa usanzwe wizihizwa ku itariki ya 11 Ukwakira buri mwaka; uyu mwaka wizihijwe ku itariki ya 15/10/2016 mu Karere ka Nyaruguru mu Murenge wa Cyahinda uhuzwa n'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro n'ubukangurambaga bw'umuryango.

Uyu munsi wari witabiriwe n'abashyitsi banyuranye barimo:


- Madamu Jeannette Kagame: Umushyitsi Mukuru;
- Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango;
- Minisitiri w'Ubuzima;
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- Abanyamabanga ba Leta: Muri Minisiteri y'Ubutabera n'iy'Uburezi;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo;
- Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Abagore;
- Umuyobozi w'Inama y'Abakomiseri ba NCC;
- Uhagarariye UN akaba n'Umuyobozi wa UNICEF mu Rwanda;
- Abahagarariye Ingabo na Polisi mu Ntara y'Amajyepfo;
- Umunyamabanga Uhoraho muri MIGEPROF;
- Umunyamabanga Uhoraho muri MIFOTRA;

- Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCC;
- Uhagarariye Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama y'Igihugu y'Abagore;
- Abasenateri n'Abadepite banyuranye;
- Abayobozi b'Uturere tugize Intara y'Amajyepfo;
- Abafatanyabikorwa banyuranye n'Abahagarariye amadini mu Ntara y'Amajyepfo;
- Hari kandi abaturage benshi abagabo n'abagore ndetse n'abana bo mu Karere ka Nyaruguru.

### II.2.1. INSANGANYAMATSIKO N'AHO UMUNSI WABEREYE

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: "Twubake umuryango ubereye umwana." Ibi bigamije gukangurira ababyeyi kurushaho kwita ku burere bw'abana babo no gukangurira umwana w'umukobwa kugira uruhare mu gutegura ejo heza hazaza he nk'uko byagarutsweho n'abantu batandukanye batanze ubutumwa.

### II.2.2. UBUTUMWA BW'UHAGARARIYE "UNICEF" MU RWANDA



*Ifoto 7: Bwana Ted Maly, Umuyobozi wa "UNICEF" mu Rwanda*

Yatangiye ashimira uburyo u Rwanda ruteza imbere uburere buboneye agaragaza ko ari bwo shingiro ry'iterambere rirambye.
Yakomeje asaba ababyeyi kumva ko kurera neza abana babo ari inshingano kabone n'iyo byaba mu bihe bikomeye.Yagaragaje kandi ko UNICEF igira uruhare mu burere buboneye kuko itera inkunga mu ishyirwaho no mu mikorere y'amarerero (ECD).

Yashimye kandi ko u Rwanda ruha agaciro umwana w'umukobwa bigaragazwa n'iterambere ry'uburezi n'ubuzima bw'umwana w'umukobwa.

Yasoje yibutsa insanganyamatsiko yahawe Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa igira iti:"Girls progress=Goals progress" asoza yizeza u Rwanda ubufatanye mu gukomeza guteza imbere uburere bubereye umwana.

### II.2.3. UBUTUMWA BW'UMWANA UHAGARARIYE ABANDI MU KARERE KA NYARUGURU



*Ifoto: MUCUNGUZI IZERE Joselyne aganirira abitabiriye ibirori*

Umwana w'umukobwa witwa MUCUNGUZI IZERE Joselyne wiga mu mwaka wa gatanu mu ishami ry'Imibare, Ubugenge, n'ibinyabuzima mu ishuri rya "G.S Mère du Verbe" akaba anahagarariye ihuriro ry'abana mu Karere ka Nyaruguru. Yatanze ubutumwa bugaragaza ko umwana w'umukobwa agomba guharanira ko ejo hazaza he haba heza.

Ibi bigaragazwa n'uburyo yakundaga kwiga kuva akiri umwana akabifashwamo n'ababyeyi be bamwitagaho, bakamuha icyo akeneye kugira ngo yige neza.

Yakoreraga ku ntego bituma asoza amashuri abanza afite amanota meza, atangira icyiciro rusange akomeje kugira intego yo gutsinda neza ku buryo yagishoje afite amanota meza cyane yatumye ahembwa na"Imbuto Foundation."

Yakomeje icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye akomeza gufashwa haba mu buryo bwo kubona ibikoresho, amafaranga y'ishuri ndetse n'inama zitandukanye zimufasha gukomera ku cyerekezo yihaye.

MUCUNGUZI IZERE Joselyne arashimira cyane gahunda zitandukanye zatangijwe na Nyakubahwa Madamu wa Perezida wa Repubulika Jeannette Kagame asaba abakobwa bose guharanira ko nabo zibageraho.
MUCUNGUZI IZERE Joselyne afite intego yo kwiga akaminuza akajya no gukomeza amashuri ye mu Mahanga.
Muri make, ubutumwa yahaye abana b'abakobwa ni uko bagomba kuva mu gikari no mu gikoni bagakera ishuri, bakiga neza bagaharanira iteka gutsinda no kuminuza, bagaharanira kugira intego no kuyigeraho. Bagomba kwirinda ubuhendabana kuko buryohera buhanda.

Yasabye n'abayobozi ku nzego zitandukanye guhana bihanukiriye abahohotera abana babatera inda bakabavutsa uburenganzira bwabo bakababuza kugera ku ntego yabo.

#### II.2.4. UBUTUMWA BW'UMUSHYITSI MUKURU



*Ifoto 9: Madamu Jeannette KAGAME ageza ijambo ku bitabiriye ibirori*

Madamu Jeannette KAGAME wari umushyitsi mukuru muri uyu munsi yatanze ubutumwa bushingiye ku migani igira iti:"*Umwana umuhera icyo wamubyariye ntumuhera icyo uzamukamirira*". Arongera ati:"*Utazi agakura abaga umutavu.*"

Mu yandi magambo, ibi bivuga ko ababyeyi bagomba kwita ku burere bw'umwana batitaye ku byo bamutegerejeho.

Yakomeje yishimira ko ibikorwa akora birimo nko guteza imbere uburere bw'umwana w'umukobwa binyujijwe mu "Imbuto Foundation" bigirira akamaro abana cyane cyane abana b'abakobwa abizeza kubikomeza.
Yagaragaje kandi ko kuba abakobwa bagera kuri 7% baterwa inda bakiri abana bibagiraho ingaruka zirimo: gupfa babyara, kurera imburagihe nta bushobozi bafite, gutereranwa n'imiryango yabo ibi bikagira uruhare mu kuzamura imibare y'abana bajya mu muhanda. Yasabye n'abayobozi mu nzego zitandukanye kwifashisha amategeko ariho mu guhana abagizi ba nabi bangiza abana b'abakobwa kugira ngo n'ababitekerezaga babireke.

### II.2.5. IMURIKABIKORWA




*Ifoto 10: Abana b'abakobwa bagaragaza ibyo bamaze kugeraho*

Nyuma yo gusoza ubutumwa yari yageneye uyu munsi, umushyitsi mukuru n'abandi bayobozi bakuru basuye imurikabikorwa mu guteza imbere umwana w'umukobwa, umugore wo mu cyaro n'umuryango muri rusange.

Abamurikaga basobanuye icyo ibyo bakora byabafashishe abakobwa, abagore bo mu cyaro ndetse n'umuryango mu gutegura no guteza imbere ejo hazaza habo heza akaba ari na byo yasorejeho uruzinduko rwe.



bifrane

## III. UMUSOZO

Umunsi Mpuzamahanga w'Umwana w'Umukobwa wahurijwe hamwe n'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro n'ubukangurambaga ku muryango wizihirijwe mu Karere ka Nyaruguru nk'uko byagaragajwe, no mu tundi Turere iyi minsi yizihijwe ku itariki ya 15 Ukwakira 2016 mu Mirenge yatoranyijwe kandi byagenze neza.

## IV. INSHAMAKE Y'UBUTUMWA BWATANZWE

Mu magambo yafashwe n'abayobozi banyuranye, hatanzwemo ubutumwa bunyuranye bukwiye gukomeza kuzirikanwaho no gushyirwa mu bikorwa n'ababyeyi, abana cyane cyane ab'abakobwa ndetse n'abayobozi.

| № | Ubutumwa | Abo bureba by'umwihariko |
|---|---|---|
| 1. | Kurera neza abana kabone n'iyo byaba mu bihe bikomeye | Ababyeyi: umugabo n'umugore |
| 2. | Guha abana bose cyane cyane ab'abakobwa ibyo bakeneye byose no kubagenera umwanya wo kuganira nabo | Ababyeyi: umugabo n'umugore |
| 3. | Guharanira ejo hazaza heza | Abana bose n'abakobwa by'umwihariko |
| 4. | Guhorana intego no guharanira kuyigeraho | Abana bose n'abakobwa by'umwihariko |
| 5. | Gukunda kwiga, gutsinda no kuminuza | Abana bose n'abakobwa by'umwihariko |
| 6. | Guhana ababyeyi batita ku nshingano zabo mu kurera neza abana babo | Inzego z'Ubutabera |
| 7. | Guhana abahohotera abana babatera inda bakabavutsa uburenganzira bwabo | Inzego z'Ubutabera |

Bikorewe i Kigali, ku wa 18/10/2016: UWABABYEYI Benilde/Child Adoption and Orphans Officer

for Byemejwe : Dr. UWERA KANYAMANZA Claudine: Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCC